

<p>ITEGEKO N° 037/2021 RYO KU WA 28/07/2021 RIHINDURA ITEGEKO N° 42/2014 RYO KU WA 27/01/2015 RIGENGA IGARUZA RY'UMUTUNGO UFITANYE ISANO N'ICYAHA</p>	<p>LAW N° 037/2021 OF 28/07/2021 AMENDING LAW N° 42/2014 OF 27/01/2015 GOVERNING RECOVERY OF OFFENCE-RELATED ASSETS</p>	<p>LOI N° 037/2021 DU 28/07/2021 MODIFIANT LA LOI N° 42/2014 DU 27/01/2015 PORTANT RECOUVREMENT DES BIENS INFRACTIONNELS</p>
<p><u>ISHAKIRO</u></p>	<p><u>TABLE OF CONTENTS</u></p>	<p><u>TABLE DES MATIÈRES</u></p>
<p><u>Ingingo ya mbere:</u> Umutungo ugaruzwa</p>	<p><u>Article One:</u> Recoverable assets</p>	<p><u>Article premier :</u> Biens recouvrables</p>
<p><u>Ingingo ya 2:</u> Kugabana umutungo wanyazwe</p>	<p><u>Article 2:</u> Sharing of confiscated assets</p>	<p><u>Article 2 :</u> Partage des biens confisqués</p>
<p><u>Ingingo ya 3:</u> Gusaba kugabana umutungo wanyazwe</p>	<p><u>Article 3:</u> Request for the sharing of confiscated assets</p>	<p><u>Article 3 :</u> Demande de partage des biens confisqués</p>
<p><u>Ingingo ya 4:</u> Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko</p>	<p><u>Article 4:</u> Drafting, consideration and adoption of this Law</p>	<p><u>Article 4 :</u> Initiation, examen et adoption de la présente loi</p>
<p><u>Ingingo ya 5:</u> Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko</p>	<p><u>Article 5 :</u> Repealing provision</p>	<p><u>Article 5 :</u> Disposition abrogatoire</p>
<p><u>Ingingo ya 6:</u> Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa</p>	<p><u>Article 6:</u> Commencement</p>	<p><u>Article 6:</u> Entrée en vigueur</p>

<p>ITEGEKO N° 037/2021 RYO KU WA 28/07/2021 RIHINDURA ITEGEKO N° 42/2014 RYO KU WA 27/01/2015 RIGENGA IGARUZA RY'UMUTUNGO UFITANYE ISANO N'ICYAHA</p> <p>Twebwe, KAGAME Paul, Perezida wa Repubulika;</p> <p>INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RITANGAZWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA</p> <p>INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:</p> <p>Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 02 Nyakanga 2021;</p> <p>Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015 cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 64, iya 69, iya 70, iya 88, iya 90, iya 91, iya 93, iya 106, iya 120 n'iya 176;</p>	<p>LAW N° 037/2021 OF 28/07/2021 AMENDING LAW N° 42/2014 OF 27/01/2015 GOVERNING RECOVERY OF OFFENCE-RELATED ASSETS</p> <p>We, KAGAME Paul, President of the Republic;</p> <p>THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA</p> <p>THE PARLIAMENT:</p> <p>The Chamber of Deputies, in its sitting of 02 July 2021;</p> <p>Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015 especially in Articles 64, 69, 70, 88, 90, 91, 93, 106, 120 and 176;</p>	<p>LOI N° 037/2021 DU 28/07/2021 MODIFIANT LA LOI N° 42/2014 DU 27/01/2015 PORTANT RECOUVREMENT DES BIENS INFRACTIONNELS</p> <p>Nous, KAGAME Paul, Président de la République;</p> <p>LE PARLEMENT A ADOPTÉ ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIÉE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA RÉPUBLIQUE DU RWANDA</p> <p>LE PARLEMENT:</p> <p>La Chambre des Députés, en sa séance du 02 juillet 2021;</p> <p>Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 64, 69, 70, 88, 90, 91, 93, 106, 120 et 176;</p>
---	--	--

Official Gazette n° Special of 30/07/2021

<p>Isubiye ku Itegeko n° 42/2014 ryo ku wa 27/01/2015 rigenga igaruzwa ry'umutungo ufitanye isano n'icyaha;</p> <p>YEMEJE:</p> <p><u>Ingingo ya mbere: Umutungo ugaruzwa</u></p> <p>Ingingo ya 3 y'Itegeko n° 42/2014 ryo ku wa 27/01/2015 rigenga igaruzwa ry'umutungo ufitanye isano n'icyaha ihinduwe ku buryo bukurikira:</p> <p>«Umutungo ugaruzwa ni umutungo ukomoka ku byaha bikurikira:</p> <p>1° ruswa;</p> <p>2° iterabwoba;</p> <p>3° ubucuruzi butemewe bw'ibiyobyabwenge;</p> <p>4° ubucuruzi butemewe bw'intwano, ubw'umutungo, ubw'inyamaswa n'ubw'ibindi bitemewe mu bucuruzi;</p> <p>5° icuruzwa ry'abantu;</p> <p>6° gushakira inyungu mu mibonano mpuzabitsina y'undi;</p>	<p>Having reviewed Law n° 42/2014 of 27/01/2015 governing recovery of offence-related assets;</p> <p>ADOPTS:</p> <p><u>Article One: Recoverable assets</u></p> <p>Article 3 of Law n° 42/2014 of 27/01/2015 governing recovery of offence-related assets is amended as follows:</p> <p>“Recoverable assets are those derived from the following offences:</p> <p>1° corruption;</p> <p>2° terrorism;</p> <p>3° illicit trafficking of narcotics;</p> <p>4° illicit trafficking of weapons, goods, animals and other items not authorized for commerce;</p> <p>5° trafficking in persons;</p> <p>6° exploitation of prostitution of others;</p>	<p>Revu la Loi n° 42/2014 du 27/01/2015 portant recouvrement des biens infractionnels;</p> <p>ADOPTE :</p> <p><u>Article premier : Biens recouvrables</u></p> <p>L'article 3 de la Loi n° 42/2014 du 27/01/2015 portant recouvrement des biens infractionnels est modifié comme suit:</p> <p>« Les biens recouvrables sont ceux résultant des infractions suivantes :</p> <p>1° la corruption ;</p> <p>2° le terrorisme ;</p> <p>3° le trafic illicite de stupéfiants ;</p> <p>4° le trafic illicite d'armes, de biens, d'animaux et d'autres articles non autorisés au commerce ;</p> <p>5° la traite de personnes ;</p> <p>6° l'exploitation de la prostitution d'autrui ;</p>
--	--	--

Official Gazette n° Special of 30/07/2021

<p>7° gukoresha ku muntu cyangwa ku nyamaswa mu buryo butemewe imisemburo, ibyica imisemburo, imiti yongera imbaraga mu mubiri cyangwa ibindi byongera imisemburo cyangwa gukora ubucuruzi butemewe bw'ibyo bintu;</p>	<p>7° Illicit use in a person or animal of substances with hormonal, anti-hormonal, beta-adrenergic or production stimulating effects or illegal trade in such substances;</p>	<p>7° l'utilisation illicite de substances hormonales, antihormonales, bêta-adrénergiques ou stimulant la production sur une personne ou sur un animal ou le commerce illicite de ces substances ;</p>
<p>8° ubucuruzi bw'ingingo z'imibiri y'abantu;</p>	<p>8° trafficking in human organs;</p>	<p>8° le trafic d'organes humains ;</p>
<p>9° icyaha kijyanye n'icuruzwa ry'imigabane ku isoko cyangwa guhamagarira rubanda gufata imigabane bitemewe n'amategeko;</p>	<p>9° offence related to the stock market exchange or illegal public issue of shares;</p>	<p>9° l'infraction boursière ou l'offre au public de titres financiers de manière illégale ;</p>
<p>10° ubwambuzi bushukana mu bikorwa by'imari, ubwambuzi cyangwa ubujura bukoreshajwe kiboko cyangwa ibikangisho, gukora cyangwa gukoresha inyandiko mpimbano, igihombo cy'uburiganya;</p>	<p>10° financial fraud, extortion or theft with violence or threats, forgery and use of forged documents, fraudulent bankruptcy;</p>	<p>10° l'escroquerie financière, l'extorsion ou le vol avec violence ou menaces, le faux et usage de faux, la banqueroute frauduleuse;</p>
<p>11° kunyereza umutungo;</p>	<p>11° embezzlement;</p>	<p>11° le détournement de fonds ;</p>
<p>12° kuyobya amato, indege n'ibinyabiziga;</p>	<p>12° hijacking of vessels, aircrafts and vehicles;</p>	<p>12° le détournement de navires, d'avions et de véhicules ;</p>
<p>13° gushimuta;</p>	<p>13° kidnapping;</p>	<p>13° l'enlèvement ;</p>
<p>14° iyezandonke;</p>	<p>14° money laundering;</p>	<p>14° le blanchiment de capitaux ;</p>

<p>15° ibyaha bijyanye n’amasoko ya Leta;</p> <p>16° gutera inkunga iterabwoba;</p> <p>17° gutera inkunga ikwirakwizwa ry’intwara za kirimbuzi;</p> <p>18° ikindi cyaha cyose giteganywa n’itegeko cyakozwe ku bijyanye n’umutungo rusange, umutungo w’urwego cyangwa umutungo w’umuntu ku giti cye.»</p>	<p>15° offences related to public procurement;</p> <p>16° financing of terrorism;</p> <p>17° financing of proliferation of weapons of mass destruction;</p> <p>18° any other offence provided by the Law committed with respect to public assets, assets of an organ or assets of a natural person.”</p>	<p>15° les infractions liées aux marchés publics;</p> <p>16° le financement du terrorisme ;</p> <p>17° le financement de la prolifération des armes de destruction massive ;</p> <p>18° toute autre infraction prévue par la loi commise à l’égard des biens publics, des biens d’un organe ou des biens d’une personne physique. »</p>
<p><u>Ingingo ya 2: Kugabana umutungo wanyazwe</u></p>	<p><u>Article 2: Sharing of confiscated assets</u></p>	<p><u>Article 2: Partage des biens confisqués</u></p>
<p>Itegeko n° 42/2014 ryo ku wa 27/01/2015 rigenga igaruka ry’umutungo ufitanye isano n’icyaha ryongewemo ingingo ya 9 <i>bis</i> iteye ku buryo bukurikira:</p>	<p>In Law n° 42/2014 of 27/01/2015 governing recovery of offence-related assets, Article 9 <i>bis</i> is inserted and worded as follows:</p>	<p>Dans la Loi n° 42/2014 du 27/01/2015 portant recouvrement des biens infractionnels, il est inséré l’article 9 <i>bis</i> libellé comme suit:</p>
<p>«<u>Ingingo ya 9bis: Kugabana umutungo wanyazwe</u></p>	<p>“<u>Article 9bis: Sharing of confiscated assets</u></p>	<p>« <u>Article 9bis: Partage des biens confisqués</u></p>
<p>Umutungo wanyanzwe uragabanwa. Kugabana umutungo wanyazwe bikorwa mu gihe inzego zishinzwe kubahiriza amategeko z’igihugu cy’amahanga, cyangwa u Rwanda zagize uruhare mu iperereza kuri icyo cyaha cyangwa mu manza mbonezamubano zatumye hanyagwa</p>	<p>Confiscated assets are subject to sharing. Sharing of confiscated assets applies in circumstances where Law enforcement authorities of a foreign country, or Rwanda participated in the investigation of the offence or in civil proceedings that led to the</p>	<p>Les biens confisqués sont soumis au partage. Le partage des biens confisqués s’applique dans des situations où les autorités chargées de l’application de la loi du pays étranger ou du Rwanda ont participé à l’enquête sur l’infraction ou à la procédure civile ayant mené</p>

Official Gazette n° Special of 30/07/2021

<p>imitungo.</p> <p>Leta y'u Rwanda ishobora kugirana amasezerano na Leta y'igihugu cy'amahanga yo kugabana umutungo wanyanzwe n'ibiwukomokaho.»</p> <p><u>Ingingo ya 3:</u> Gusaba kugabana umutungo wanyazwe</p> <p>Itegeko n° 42/2014 ryo ku wa 27/01/2015 rigenga igaruka ry'umutungo ufitanye isano n'icyaha ryongewemo ingingo ya 9 <i>ter</i> iteye ku buryo bukurikira:</p> <p>«<u>Ingingo ya 9 ter:</u> Gusaba kugabana umutungo wanyazwe</p> <p>Gusaba kugabana umutungo n'igihugu cy'amahanga bikorwa binyuze mu nzira za diporomasi.</p> <p>Ubusabe bwo kugabana umutungo wanyazwe bwoherezwa n'igihugu gisaba, bukohererezwa Minisitiri ufite ubutabera mu nshingano binyuze muri Minisitiri ishinzwe ububanyi n'amahanga. Minisitiri ufite ubutabera mu nshingano asuzuma ibikubiye mu busabe akanabifataho umwanzuro.</p> <p>Minisitiri ufite ubutabera mu nshingano yoherereza igihugu cy'amahanga ubusabe bw'u</p>	<p>confiscation of assets.</p> <p>The Government of Rwanda may enter into an agreement with the Government of a foreign country for reciprocal sharing of a confiscated asset and its proceeds.”</p> <p><u>Article 3:</u> Request for the sharing of confiscated assets</p> <p>In Law n° 42/2014 of 27/01/2015 governing recovery of offence-related assets, Article 9 <i>ter</i> is inserted and worded as follows:</p> <p>“<u>Article 9 ter:</u> Request for the sharing of confiscated assets</p> <p>Request for the sharing of assets with a foreign country is done through diplomatic channels.</p> <p>The request for the sharing of confiscated assets is submitted by the requesting country to the Minister in charge of justice via the Ministry in charge of foreign affairs. The Minister in charge of justice considers the content of the request and decides accordingly.</p> <p>The Minister in charge of justice submits Rwanda's request for the sharing of assets to the</p>	<p>à la confiscation des biens.</p> <p>L'État du Rwanda peut conclure un accord avec l'État étranger pour le partage réciproque d'un bien confisqué et de ses produits.»</p> <p><u>Article 3:</u> Demande de partage des biens confisqués</p> <p>Dans la Loi n° 42/2014 du 27/01/2015 portant recouvrement des biens infractionnels, il est inséré l'article 9 <i>ter</i> libellé comme suit:</p> <p>« <u>Article 9 ter:</u> Demande de partage des biens confisqués</p> <p>La demande de partage des biens avec un pays étranger se fait par voies diplomatiques.</p> <p>La demande de partage des biens confisqués est transmise par le pays demandeur au Ministre ayant la justice dans ses attributions via le Ministère chargé des affaires étrangères. Le Ministre ayant la justice dans ses attributions examine le contenu de la demande et statue en conséquence.</p> <p>Le Ministre ayant la justice dans ses attributions transmet la demande de partage de biens du</p>
---	--	---

Official Gazette n° Special of 30/07/2021

<p>Rwanda bwo kugabana umutungo kandi agakurikirana ishyirwa mu bikorwa ryabwo.</p> <p>Kugabana umutungo bikorwa hakurikijwe amasezerano hagati y'u Rwanda n'igihugu cy'amahanga. Icyakora iyo nta masezerano ariho, kugabana umutungo bikorwa hakurikijwe ubwumvikane hagati y'ibihugu byombi.»</p> <p><u>Ingingo ya 4: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko</u></p> <p>Iri tegeko ryateguwe mu rurimi rw'Icyongereza, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.</p> <p><u>Ingingo ya 5: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko</u></p> <p>Ingingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.</p> <p><u>Ingingo ya 6: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa</u></p> <p>Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.</p>	<p>foreign country and ensures the follow-up of the execution of that request.</p> <p>The sharing of assets is carried out in accordance with the agreement between Rwanda and the foreign country. However, in the absence of the agreement, the sharing of assets is carried out through an understanding between both countries.”</p> <p><u>Article 4: Drafting, consideration and adoption of this Law</u></p> <p>This Law was drafted in English, considered and adopted in Ikinyarwanda.</p> <p><u>Article 5: Repealing provision</u></p> <p>All prior legal provisions contrary to this Law are repealed.</p> <p><u>Article 6: Commencement</u></p> <p>This Law comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.</p>	<p>Rwanda au pays étranger et assure le suivi de l'exécution de cette demande.</p> <p>Le partage des biens est effectué conformément à l'accord entre le Rwanda et le pays étranger. Toutefois, en l'absence d'accord, le partage des biens se fait au moyen d'une entente entre les deux pays. »</p> <p><u>Article 4 : Initiation, examen et adoption de la présente loi</u></p> <p>La présente loi a été initiée en anglais, examinée et adoptée en Ikinyarwanda.</p> <p><u>Article 5 : Disposition abrogatoire</u></p> <p>Toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.</p> <p><u>Article 6 : Entrée en vigueur</u></p> <p>La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.</p>
---	--	---

Kigali, 28/07/2021

(sé)

KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika
President of the Republic
Président de la République

(sé)

Dr NGIRENTE Edouard
Minisitiri w'Intebe
Prime Minister
Premier Ministre

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:
Seen and sealed with the Seal of the Republic:
Vu et scellé du Sceau de la République :**

(sé)

BUSINGYE Johnston
Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta
Minister of Justice and Attorney General
Ministre de la Justice et Garde des Sceaux